MINISTRY OF FOREIGN AFFAIRS AND COOPERATION

DIASPORA GENERAL DIRECTORATE

DIASPORA E-NEWSLETTER No. 20/2008

14th- 24th December 2008

SPECIAL DIASPORA RETREAT

- **KIGALI: Abahagarariye Diaspora nyarwanda ku isi yose bakoze umwiherero .**

- **KIGALI: Abahagarariye Diaspora nyarwanda ku isi yose bakoze umwiherero .**

Guhera ku itariki ya 21-22 Ukuboza 2008,i Kigali habareye umwiherero wahuje abahagarariye amashyirahamwe ahuza Diaspora nyarwanda ku isi(Rwandan Diaspora Retreat).

Uyu mwiherero watangijwe kumugaragaro na Nyakubahwa Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane,Rosemary Museminari. Mu ijambo rye ifungura uyu mwiherero yashimiye abarim bayitabiriye abasaba kuziga ku kuruhare Diaspora nyarwanda yagira mu kubaka biruseho igihugu cyayo, yabakanguriye kandi gushyiraho inzego za Diaspora zikomeye zizayifasha gukorera hamwe kandi bigatuma bakorana neza Urwego rwabashyiriweho muri Minaffet.

Iyi nama yaranzwe no gutanga ibitekerezo bifatika. Inama yafashe imyanzuro ikurikira:

-Mu rwego rwo guha Diaspora amakuru ahagije hashyirwaho Website ya DGD, yajya ishyirwaho amakuru akenerwa cyane na Diaspora. Aha twavuga amakuru arebana n'amazu yubakwa n'ibibanza n'ibyangombwa bikenerwa mu rwego rwo korohereza diaspora

Diaspora ikwiye kugezwaho amakuru en direct, amakuru y'ingenzi y'igihugu akaba online, cg hagakoreshwa za video-conference ku buryo abantu batanga ibitekerezo en directe

Hajyaho ikiganiro cya diaspora cyajya kinyuzwa ku maradio akorera mu Rwanda

Amakuru ya Diaspora akwiye kujya asohoka muri NewTimes cg ibindi binyamakuru mu buryo bwo guhererekanya amakuru

Ibyavuye mu mushyikirano byashyirwa kuri website cg weblog bikagaragarira bose. Hakoreshwa na CDs

zakohererezwa za associations binyujijwe muri Embassies.

Gushyiraho inzu z'ibijyanye na tourism mu bihugu bitandukanye

Gutegura youth convention/ ingando zahuza abana ba diaspora

Muri Policy paper hagomba gushyirwamo ingamba zijyanye na follow-up y'abanyarwanda cg abanyeshuri bataha bafite ubumenyi n'ubushake bwo gukorera igihugu

Inzego z'ubuyobozi bwa diaspora zigomba gushimangirwa cyane cyane, hifuzwa zongererwamo imbaraga. Ni muri urwo rwego hashyizweho Komite y'agateganyo igizwe na Bwana Gustave Karara, President, Mme Léonie Rutanga, Vice President, Dr. Ismael Buchanan, Secretary General, na Bwana Muhoza Hakim Financial Advisor, bakaba bafite inshingano zo gutegura amatora, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'iyi nama, gushyira mu bikorwa ibyavuzwe muri uyu mwiherero no gukurikirana imishinga yari yaratangiwe kandi baziyambaza Komite icyuye igihe. Amatora azaba mu mwaka utaha wa 2009.

Hakomeje gushimangirwa igitekerezo cyo kubaka structures zifatika zahuza associations zitandukanye mu rwego rwo guharanira ubumwe n'ubwiyunge.

Diaspora yahagararirwa ku rwego rw'igihugu nk'uko bikorerwa urubyiruko, abamugaye n'abategarugori

Gufasha Diaspora iba mu bihugu bitandukanye kubera umwihariko w'ibibazo byabo cyane cyane muri France kugira ngo ibashe guhangana n'ibibazo bitandukanye mu guharanira ubumwe n'ubwiyunge

Skills: abajya kwiga hanze n'abakomoka kuri diaspora bakangurirwa gukora kuri subjects zireba u Rwanda

Habaho inama yo mu karere izaganira ku bibazo byihariye by'abanyarwanda bagendeye mu ikatwa ry'imipaka

Hazakorwa database za diaspora nyarwanda hakurikijwe professional interests

Hifujwe ko plan B igomba kuba articulated kugira ngo diaspora ibashe gutanga contribution yafasha igihugu mu gihe amahanga ahagaritse inkunga yahaga igihugu cyacu.

Guhindura imikorere yo kwegera abanyarwanda bari hanze hatitawe ku myumvire ya buri muntu ahubwo hakitabwa ku nyungu z'igihugu

Hajya habaho ubusabane bwa diaspora n'ibindi bikorwa ndangamuco abanyarwanda baba mu mahanga bajya bahuriramo(Byaba byiza habayeho common forum abanyarwanda bahuriramo bakaganira ku bibazo byo guteza imbere igihugu)

Gushyiraho associations of professionals muri buri gihugu

Muri 2009 hazabaho inama y'intiti cyangwa professionals ba Diaspora ikabera mu Rwanda "Conference of Rwandan Professionals"

Gushyigikira gahunda ya MIDA na TOKTEN (niba hari opportunities

zibonetse byamenyeshwa diaspora kugira ngo yishakemo ababishoboye)

Gushyiraho Diaspora Mutual Fund hamaze kugaragazwa neza uburyo n'imikorere yayo

2009 hazategurwa inama ya Diaspora Investment Conference ku bufatanye n'izindi nzego zirebana n'ishoramari, RDB ikazabigiramo uruhare rw'ibanze.

Diaspora izakangurirwa kwitabira gahunda z'itorero

Diaspora izakangurirwa gukusanya inkunga yo gufasha abacitse ku icumu rya jenoside mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa byo kwibuka jenoside ya 1994 ku nshuro ya 15

Komisiyo yasabwe kandi kuzafasha Diaspora ya Norway n'ibindi bihugu kumvikanisha amateka ya jenoside yabaye mu Rwanda mu w'1994

Umushinga wa 1$ campaign watangijwe hashyirwaho agaseke ka Diaspora kashyizwemo amafaranga agera ku bihumbi Magana atatu na magana abiri na mirongo inani (300280Frws).